Munyambaraga Narcisse → SDG-1 pour class!

COMPTE-RENDU DE LA REUNION TENUE DANS LA SALLE DE REUNIONS DU MIJEUCOOP LE 19/11/1986

Comme recommandé par Monsieur le Ministre lors de la réunion du 19/11/1986 regroupant les agents du MIJEUCOOP, ayant participé à ses tournées de sensibilisation des autorités préfectorales et communales à l'Inventaire des activités en faveur des jeunes, une autre réunion dirigée par le Directeur de la Planification a été organisée le lendemain, le 19/11/1986 en vue d'examiner les modalités de la rédaction du rapport de synthèse des tournées du Ministère.

PARTICIPANTS A LA REUNION

- Monsieur KAYOBOKE Ferdinand, Directeur de la Planification, Evaluation et Inspection des Projets, Président;
- Monsieur NSANZABAGANWA François, Chef de Division ai à la Direction Planification;
- Madame KANYANGE Anne-Marie, Agent de la Direction Planification;
- Madame RUGERINYANGE Jeanne, Chroniqueur au MIJEUCOOP;
- Monsieur KAREKEZI Epimaque, Chef de Division Encadrement;
- Monsieur MBONEZA Gaspard, Chef de Bureau Encadrement;
- Monsieur MUNYANEZA Epimaque, Chroniqueur au MIJEUCOOP
- Monsieur MAGORWA Wellars, (Rapporteur) Chef de Bureau D. Planification.

ETAIENT ABSENTS POUR DES RAISONS DE SERVICE

- MBATEYE Thomas, Directeur Général du Mouvement Coopératif;
- MUNYAMBARAGA Narcisse, Directeur de la Jeunesse;
- KURAZIKUBONE Joseph, Directeur Encadrement et Formation;
- NDEKEZI KAREKEZI Marcel, Directeur du Mouvement Coopératif;
- MYASIRO Antoine, Agent Direction Sports.

En ouvrant les débats, le Président de la réunion explique aux participants le cadre de la rencontre. Il s'agit de nous mettre d'accord sur la méthode à suivre pour la rédaction du document de synthèse des tournées du Ministre et du Secrétaire Général dans le cadre de la sensibilisation des autorités préfectorales et communales aux problèmes de la jeunesse rwandaise.

.../...

PROCEDURE A SUIVRE

Il a été convenu que les rapporteurs des délégations ayant accompagné le Ministre ou Secrétaire Général dans les préfectures rédigeront en français chacun en ce qui le concerne, le compte rendu synthétique des allocutions et des débats suivant le schéma ci-après:

I. Allocutions du Préfet.

II. Les grandes lignes de l'Allocution du Ministre sur l'Encadrement de la jeunesse.

1. Politique d'encadrement;
2. Relations entre les différents départements ministériels et services concernés par les problèmes de la jeunesse;
3. Inventaire des activités des jeunes.

II. SYNTHESE DES PROBLEMES DEBATTUS ET SOLUTIONS PROPOSEES

1. en matière de jeunesse;
2. en matière de coopératives;
3. en matière de sports et loisirs.

Les rapporteurs par préfecture sont les suivant:

KIGALI : NSANZABAGANWA François
GITARAMA: RUSANGANWA Augustin
BUTARE:et KIBUNGO: MUNYANEZA Epimaque
GIKONGORO et CYANGUGU: KANYANGE Anne Marie
KIBUYE: KAREKEZI Epimaque
GISENYI:MYASIRO Antoine
RUHENGERI: HITIMANA Boniface
BYUMBA: MAGORWA Wellars.

A la réception des synthèses par préfecture, le Secrétariat du noyau de la Commission Nationale d'Inventaire (CNI) dont la composition est proposée ci-après élaborera un document de la note finale selon le schéma suivant:

A. Tournées de sensibilisation des autorités préfectorales et communales sur l'inventaire des activités en faveur de la jeunesse.

I. Encadrement de la jeunesse

1. Politique d'encadrement;
2. Relations avec les Départements Intéressés par les problèmes de la jeunesse;
3. Inventaire.

II. <u>Formation et Information</u>

1. Politique en matière de formation;
2. Politique en matière d'information.

B. SYNTHESE DES PROBLEMES DEBATTUS ET SOLUTIONS PROPOSEES

1. Problèmes communs rencontrés

en matière de jeunesse
en matière de coopératives
en matière de sports et loisirs.

2. Problèmes particuliers à chaque Préfecture

en matière de jeunesse
en matière de coopératives
en matière de sports et loisirs.

PROPOSITION DE LA COMPOSITION DU SECRETARIAT PERMANENT DU NOYAU DE LA CNI

En vue d'assurer une préparation sûre et un suivi constant des travaux de la commission nationale pour l'Inventaire, le noyau de celle-ci devrait disposer d'un Secrétaire permanent. Il a été proposé que sa composition serait la suivante:

1. NSANZABAGANWA François (responsable)
2. MAGORWA Wellars (rapporteur)
3. KANYANGE Anne-Marie (membre)
4. RUSANGANWA Augustin ( membre)
5. MUNYANEZA Epimaque (membre).

Pour que la production de ce rapport de synthèse se fasse dans les plus bref délais, il a été décidé que les rapports synthétiques préfectoraux seront remis au Secrétaire du noyau de la CNI à la Direction Planification au plus tard le 27/11/1986.

Pour permettre une confection rapide des synthèses, il est proposé que les rapporteurs des diverses délégations soient exemptés de l'Umuganda du Samedi 22/11/1986.

N.B. Pour rafraîchir la mémoire des rapporteurs des délégations, on met à leur disposition le texte de l'intervention du Ministre à BUTARE transcris à partir de l'enregistrement sur magnétophone.

Le Président de la réunion
- KAYOBOKE Ferdinand
  Directeur de la Planification, Evaluation et Inspection des Projets.-

LE Rapporteur
- MAGORWA Wellars.-

IJAMBO RYA MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA
ZA KOPERATIVE YAVUGIYE I BUTARE KUWA 16/9/1986

Mbanze mbashimire Milita Superefe uhagarariye Perefe, ba Superefe, ba Burugumesitiri, namwe bakuru b'imishinga hano muri Butare kuba mwaje muri benshi muri iyi nama. Ndagirango ariko nshimire by'umwihariko Perefe wa Butare, wanyemereye kuza muri iyi nama ngo tuvugane ibibazo by'urubyiruko.

Mwaba mwarumvise icyifuzo nagize cyuko twahura tungurana ibitekerezo ku bibazo by'urubyiruko kugirango tubishakire umuti none mukaba mwitabiriye iyi nama. Nkaba mbashimira kandi uko mugerageza, uko mukora kugirango ibibazo by'abaturage bibonerwe umuti, muri abo baturage harimo urubyiruko.

Kuba rero naje kugirango terebere hamwe ibibazo by'urubyiruko n'uko biriho koko. Ibibazo by'urubyiruko ngirango abenshi ndabona musheshe akanguhe, biri no mungo zanyu, biri mu baturanyi. Ibyo mbona bikomeye n'umubare w'urwo rubyiruko. Urubyiruko utavuga uti: nkuko ababyeyi bacu babayeho, nkuko abenshi mu banyarwanda bariho, urubyiruko narwo ruzabaho gutyo ruhinga, rworora nkuko byari bisanzwe mu gihugu cyacu bikorwa na benshi, ibyo ubungubu birakomeye. Amasambu ni ntayo, ubutaka ni buke. Ubu kugira igitunga abanyarwanda nibyo twese dukeneye mbere na mbere, kugira icyo dushyira munda. Abo baturage rero, barimo urubyiruko, ubungubu abenshi bakaba mungo z'ababyeyi babavunikira bashaka ukuntu babona ikibatunga. Ariko iyo bageze mu gihe cyo gushaka uko bagira ngo bashinge izabo ahongaho haravunanye kuko uwo mwana w'umunyarwanda azazana, kandi badafite ibyo barya wowe Burugumesitiri, wowe, Konseye ntabwo wavuga ko uzabategeka ngo ubabwire ikintu bacyumve. Animasiyo dukora ntuzayibabwira ngo bayumve; inda ishonje aho kumva ikiza ishaka gukora ikibi igira iti ndamuke. Igihe rero urwo rubyiruko rutazabona ikirutunga ubutegetsi ntacyo buzashobora. Nicyo gituma rero ubutegetsi bugomba gutangira hakiri kare gushaka ukuntu abatabonye aho bahinga bagira ikindi bakora, bagira ikindi kibatunga.

Kuva twabona ubwigenge ikibazo cyo kujijura abaturage cyane urubyiruko cyitaweho cyane. Amashuli arashingwa, Leta ikora uko ishoboye noneho ubungubu ni nabyiza yuko ababishoboye nabo bashyiraho amashuli kugirango tujijure abo dushoboye kuko bose ntibazabishobora. Icyo kibazo cyo kujijura, cyo kwigisha kitaweho, ariko kuva muri 85 politiki yo kureba umurimo kureba uko umunyarwanda ubungubu udafite umurimo, udafite aho ahinga yabaho. Yaba yarize yaba atize. Kwiga rero ni byiza ariko wize ntubone icyo ukora uretse kwideburuya kurusha utize, mugiho utabonye umurimo, ni hahandi hawe, kubaho byakurushya.

.../...

Gahunda rero igamije gufasha abanyarwanda kubonera umurimo umunyarwanda wese niyo tugomba gushira imbere ubungubu.

Prezida wa Repubulika iyo avuga buri gitondo kenshi ati buri Komini, buri Segiteri, buri Seline nibashake icyo bakoresha urubyiruko, maze aho ruri muri segiteri,muri komini rwumve ko ejo hazaza rufite amizero yo kubaho neza. Aho rero ninaho hatumye ngirango tubiganire. Iyo Prezida atubwiye ati buri Segiteri, ni wowe Konseye aba abwira; buri Komine ni Burugumesitiri aba abwira ati: mushake ibyo urubyiruko rwakora kuko Prezida ntayobewe yuko amasambu ari make. Milita Burugumesitiri rero sinzi niba waratekereje ngo ugishe inama abo mufatanyije muri Komini uti koko icyi kibazo turakibona, koko mu minsi iri imbere abaturage bacu bose bazaba bafite ibibatunga. Ngirango byaba byiza mugihe muvuga disikuru mu minsi mikuru cyangwa nka Prezida yabasuye cyangwa Perefe mukagira muti muminsi iri imbere Komini yacu izaba ifite amahoro kuko buri wese azaba afite ikimutunga mwumva ko muzaba muteganya abadafite imirima, abadafite akazi bazaba bariho. Nibyo rero kubiteganya kuko nicyo abategetsi tubereyeho kuyobora abo baturage barimo urubyiruko tugira tuti baraho bafite ikibatunga, bariho bafite icyo bambara, bariho dushobora kubabwira tuti nimuture neza kandi heza. Ibyo bitekerezo rero mugombye kuba mwarabyize mukabicoca kuko bitoroshye mufatanyije n'abagize akanama k'impuguke muri Komini, mwarabyize muri Segiteri, mwaragishije inama abagiraneza batugenderera bakaza kudufasha mu mishinga yacu, muti mwebwe mwagenze mukabona byinshi kuri ibi bibazo twatangaho ibihe bisubizo? Kuba rero ibyo bibazo mwarabizirikanye tukaza kuzuza duhura hano muri Prefegitura ni ukugirango duhuze imigambi, ni ukugirango programu Leta yafashe ikoresheje ubushobozi buringaniye na none mutayobewe izo programu zize zihuje n'izanyu ntitubusanye tuze twuzuzanya muri Komini, muri Segiteri.

Ikintu cya mbere dukwiye guhagurukira mbere yo gushaka abadutera inkunga mu bikorwa bihambaye tugombye kumva icyo bita kuyobora, kuyobora abaturage (l'encadrement). Kuyobora abaturage, ntabwo ari ugutegereza ko baza kukuregera bagize ibibazo hagati yabo; kuyobora abaturage ni ukubegera ukabagira inama, ni ukuvuga ko hagomba kuba amanama konseye akagira igihe ahura n'abaturage be ati ubungubu ndabonana n'abakuru, kw'italiki iyi n'iyi nzabonana n'urubyiruko ndugezeho ibitekerezo twumva ko byagira icyo birwungura, ibitekerezo byungura urwo rubyiruko mu mibereho yarwo, mu myifatire yarwo, mu bikorwa tuvuga nkibyo by'amajyambere kuko nibyiza kumva abo uyobora nabo icyo bashaka. Kuza buri gihe uvuga ngo nimukore ibi, ni mukore ibi rimwe na rimwe ushobora kuba wibeshya ari naho iyo bakubwiye bati turumva twe mu marasO yacu y'abasore twe abasaza, twe abakecuru turumva dukoze kuri ubu buryo ariho byagenda neza icyo gihe bizakorohera kuko ibyo ubabwira, ibyo mwumvikanyeho bibba bibaye nabo ibyabo ntabwo ari byabindi uzaba uje kubashyiraho ku ngufu.

.../...

Aho kubabwira ngo nabibwiwe na Perefe, nabibwiwe na kanaka, nibyo nakuye mu nama nagiranye na Minisitiri, uzabagezaho ibitekerezo, ubayobore ariko icyifuzo cyivuyemo, kigomba kubayobora icyo gihe kiba kibaye icyabo. Niba se udakuriranye ibuo ngibyo Superefe yaje aho ngaho, abantu bo muri Ministeri baje nyuma bizakurikiranwa nande? Ibyo bintu ugombye kubijyamo.

Koko twongere tugaruke ku kibazo nababwiye yuko ejo urwo rubyiruko ubungubu rutari rwatangira gutera hejuru ejo bazaba ari benshi ari abagabo tugomba kuzabategeka, kuzabategeka ari uko bariye; ndashaka ko babona akazi, ndashaka ko babona umurimo muri izo programu, dufashe nyine ubutegetsi ikindi dufashe urwo rubyiruko.

Hari n'amafranga twatanze muri buri Prefegitura amafranga agomba kuba agihari ahubwo ndatinya ko azasubira muri Finance twatanze amafranga tuti mushake amashyirahamwe muyafashe n'ibindi...
Ariko sinzi ko muri prefegitura yacu agomba kuba atagihari cyakora benshi aracyahari twabahaye subuderegasiyo hafi hose hari n'abadufasha. Hari twadushinga tujya tubonera abagiraneza badufasha, bagafasha twadushinga ariko ugasanga iyo harimo abazungu cyane cyane,ibintu biba by'urubyiruko n'abazungu,Burugumesitiri rimwe na rimwe ntakurikire, ba bazungu bazagenda ugasanga birasenyutse izo mfashanyo rero dushaka kandi tuzakomeza gushaka mukwiye kuzishakira imishinga na Burugumesitiri nawe uzi ukuntu bizazamura koko urwo rubyiruko,ni iryo jambo sinkeka ko tuzakomeza kurikoresha, tuzavuga abaturage kuko ni urubyiruko imyaka ibiri, itatu, bakaba babaye abaturage iyo ni imishinga y'abaturage n'ubwo tuvuga ko ishingiye ku rubyiruko, aho rero ndagirango rwose buri wese ahatekereze bibatere namwe impungenge nkuko umwana wawe ubungubu urangije uwamunani ugahangayika uti nzajyahe, nzagera kwa Nsekalije nte? Bizagenda bite? Nimuhagarikire abo baturage bose bato, urwo rubyiruko; politiki yo kwigisha no kuyobora yitaweho ariko nagirango menyeshe ba Milita Burugumesitiri yuko kwiga ari byiza ariko igihe wize ntubone akazi igihe kigeze birahangayikisha. Rero tugomba gushaka koko uko abize biringaniye bajijukiwe bigagara muri za IGA barize izo za CERAI, barize muri ibyo bigo by'urubyiruko mugomba gutangira kubitekereza. Nkaba rero mfite programu yo kugirango dufatanye, kuko kuko nababwiye amagambo menshi ariko uwambwira ati jyewe za muri Komini yanjye nkwereke ibyo nzakorera urubyiruko bizaruhesha amafranga nanjye nzi ko ntatinda. Ariko kugirango dutangire dushake, hari programu nagirango, mbamenyeshe: iyo ni programu ishingiye kuri ya inventaire prezida wa Repubulika yasabye, inventaire y'imirimo yose ishobora kuba yaha akarimo umuto n'umukuru iyo yakuraho ifaranga ariko iryo faranga akaribona. Iyo inventaire rero kugirango tuyigire, dushakire hamwe iyo mirimo. Nafashe icyemezo cy' uko tugomba kuyifatanya igahera hasi muri Selire abaselire, muri Segiteri ba Konseye bafite mo uruhare; tuzakora iki?

.../...

Tuzacura. Abashobora gucura se nibangahe? Ibyo bazacura se bizagurishirizwa hehe? Bazabaza muri za CERAI hafi hose biga kubaza. Bazakora amashyirahamwe yo kubaza; bazabaza ibiki? Bazakurahe ibyo bababaza? Ibyo bakoze bazabigurisha hehe? Abafuma bazagurishiriza hehe? Nkuko tugiye gukora tubanze turebe ibyo byakorwa dukore umurongo wabyo:

- Umurongo wa kabili tuti abantu bose ntibaba abacuzi, bose ntibaba ababaji. Mu by'ububaji, komini yacu twashyiramo bangahe kugirango umurimo ugire abakiriya babone aho bazagurisha! mu bucuruzi twashyiramo bangahe? Undi murongo; kuki ibyo bitakozwe tuzavuge ngo twabuze amafranga ariko urebye byinshi hariho ibyakorwa. Nta mafranga ni iki dushoboye ubwacu? ni iki tugombye gukorerwa n'abandi? Bande? Nguko uko tugiye gukora inventaire.

Milita Konseye niba wankurikiye, niba wanyumvise, genda utangire urebe n'abaturage bawe uhamagare urubyiruko mbere: murashaka gukora iki? Mushoboye iki? Jyewe Konseye n'iki munsaba kugirango bitungane? Iki singishoboye ni mu rwego rwa prefegitura, iki singishoboye ni mu rwego rwa Ministeri. Ariko twabitangiye twagerageje uko dushoboye. Iyo inventaire rero izaturuka hasi ikazamuka ikajya mu rwego rwa Komini Burugumesitiri akaba afite dosiye nkuko muri Komine hafi zose mufite (nomenclature, monographie de la commune) imbonerahamwe y'imilimo, iy'amajyambere mu by'ukuri, niyo mishinga y'amajyambere. Iyo mishinga yacu tuzashyiramo abato kuko aribo badafite imirimo. Tuzashyiramo abato kuko aribo babyize. Tuzashyiramo abato kuko aribo bashobora gukora ibintu bya (revolutionnaire) abakuru badashobora kwenera gukora niibihe? Muri Segiteri, muri Komine mukore mwegeranye. Burugumesitiri agire ati: ninjya kwaka imfashanyo, ninjya kureba Padiri, ninjya muri Jumelage na celle commune voilà des projets de la jeunesse zishobora gukorwa. Hanyuma mu rwego rwa Prefegitura naho hakwiye kuzahurira izo za dosiye ziturutse hasi kugirango bagire une coordination muri prefegitura le Prefet ufite ububasha bwo kuba yasaba tel projet gushinga kwihatira igikorwa iki n'iki akabona yuko muri za Komini zose bifuza ikingiki kandi uwo mushinga uhari ubishoboye eh bien le préfet azavuga mu nama ayobora iyo mishinga ati muri perefegitura yanjye ibyo nibyo dushaka umushinga wadufashamo. Muri Ministeri ni tujya kwaka budget tuzagira tuti ahangaha niho tujyana amafranga muri za aides mwatse, muri za bureau épiscopal muti dore imishinga voilà l'inventaire Prezida yatwatse uko igombye kuzatangirwa iturutse hasi muri Prefegitura bakuzuzamo na none kuko hari ibyo muri komine batabona, bakabyuzuzamo ibintu bya (innovation surtout) bishya, ibintu nanone bya (invention) nshya noneho ya inventaire ntibe igitabo kuko mpora nsobanura hamwe n'abo dufatanyije imirimo ko Prezida atanyatse igitabo ntabwo ashaka kubona igitabo. Ngirango arashaka ko hagaragazwa imirimo koko.

.../...

Wowe Burugumesitiri, wowe Konseye ushobora gukorana n'urubyiruko, ushobora gukoresha urubyiruko rwawe, ushobora gukoresha abaturage bawe nicyo asaba jye niko mbyumva. Narabibabwiye nti ndabizi ntashaka igitabo ashaka ibyo bintu bishoboye gukorwa ari ubu ari n'ejo. Ba Milita Burugumesitiri ba Milita Konseye nanone nababwiye ko hari ibyo dukora neza tugomba gukomeza ni biriya bya Sport, ni biriya bya Animation politiki, ni biriya bya Animation culturelle muri za ballets ni byinshi ariko nabyo tugomba kubiha objectif bigomba kugira icyo bitugezaho. Urubyiruko nuruhanagara uti: ni muze mujye gukora kiriya gishanga ntibazaza ariko nubabwira uti: nimuze tujye gutera umupira bazaza ubafatire ahongaho ugire n'ikindi ubakoresha. Izo za Sport nizibafashe kugirango murushyire kuri gahunda murukangurire n'ibindi bikorwa bitari ibyo gukina gusa, bitari ibyo kubyina gusa n'ubwo nabyo ari ngombwa kuko tugomba kugira abaturage bafite umutima ujijutse (épanoui) ni ukuvuga bameze neza bashobora kwidagadura koko. Abaturage bigunze baba babuze ikintu. Ntabwo rero urubyiruko dushaka ko rwingunga ni ruhure, ni rukine, ni rubyine mugire amatorero muri Selire, mugire amatorero muri Segiteri, mukore amarushanwa hagati yabo kugirango bagire ishyaka ariko ntibibe ibyo gusa nibitugeze no ku bindi no kugirango ubwo tubishyikiriye turwereke n'ibindi byatuma babona umupira ejo, yambaye iyo migara ni imirimo ye tuzashyira muri inventaire muri ya myihariko yabo amashyirahamwe. Cyakora kuva muri 85 umwaka w'urubyiruko twese twatangiye kubona ko ari ibibazo koko. Perezida wa Repubulika yagiye atanga amabwiriza ashingiye kuri uwo mwaka witiliwe urubyiruko muri za Komini nabo baragerageje rwose ariko ntabwo byari bikwiye guhagarara bagomba gukomeza ka gatambwe Prezida adusaba kajya imbere atari ugusubira inyuma no muri ibyo by'urubyiruko nkuko twari twabyitabiriye muri 85 n'ubu dukomeze twongere dutere akandi gatambwe.

Muri make rero bavandimwe nshuti, nibyo nagirango mbabwire ariko mbasaba rwose ko mubizirikana n'uko nagirango mutangire ibarura (inventaire) ndabaha umwanya kugirango mugire icyo mwambaza ariko mbere y'uko namwe mbaha umwanya wo gufata ijambo nagirango nongere mbabwire iki kibazo: Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma yibukije turi muri Ntyazo. Bariya bajya mu mahanga (bajya iburundi tuvuge kuburyo bwumvikana)badafite ibyangombwa barabaze basanga benshi ari abanya Butare. Yego twegereye i Burundi ariko se muri encadrement koko mwagiriye urubyiruko inama muti niba ushaka kujya i Burundi jye ngirango ni kwa perefe bagomba kwaka impapuro, kuki mutababwira. Bagende babacocagure babazane ari indembe sinzi niba mwumva ubwanyu niba icyo kibazo cyibareba. Icyo kintu rwose nagirango mwongere mukizirikane kandi mujye inama mubwire abo bantu mukabegera wa mu Konseye ushinzwe urubyiruko muri Segiteri yanyu ukamubaza uti ninde wagiye ntabwo na none tugomba kugira un régime yitwa policier yo kubuza abantu kwidagadura ariko rero ni ukugira iyo encadrement gukurikira buri gihe mukabigisha muti jya hariya kuri Komine.

...../.....

Ababishaka mwumva ko muzajya i BURUNDI gusura bene wanyu, ari ukujya gushaka akazi mbese muzaze mumbwire nzabajyane no kwa Prefe babahe izo mpapuro. Aho rwose nagirango icyo gitutsi cyuko abantu bino aribo bajya i Burundi si no mu Burundi gusa niyo mwabaza abantu bari mu mugi bangara i Kigali abenshi n'abanyabutaro. Ubwo rero sinzi niba mwumva bibahesheje ishema. N'uko tutabegera ngo tubabwire.
Si ukuvuga ko hatazaboneka ibirumbo, hatazaboneka ibigwari ariko hari abakururwa wari ushoboye kuba wababuza; bagarure abongabo ibyo bigwari bizaba bikeya. Nibiba bikeya nibwo tuzabibonera n'umuti tuzashobora no kubishyira muri bya bigo by'ingorora muco.
Sinzi niba ntavuze byinshi bidahuje n'ukuri ariko jyewe ndabyemera. Simbyemera kuko aribyo nshinzwe, ariko ndabibona njya muri Komini ibibazo nkabibona, aho ndi muri Kigali ndabibona abo tuganiriye murabimbwira kuko dushobye kubishakira umuti.
Rero mbabwiye n'uko nemera nti tuzakora ibitangaza, ariko dutangire tugerageze na ba Burugumestri batari bigera batekereza icyo kibazo cy'urubyiruko bati dukore iki kibananire ariko bagitangiye.
S'ukubagaya n'ukubibutsa banwe turabana, turafashanya ndabibutsa kugirango icyo ngicyo mukimenye mugihagurukiye imiringoti, nkuko mwahagurukiye izindi za gahunda z'amajyambere nibyo mubihagurukiye byinshi bikeneye amafaranga menshi nibyo. Aha rero nagirango mbasabe yuko tugomba kubihagurukira koko. Ayo mafaranga tugomba kuyatanga mubyigé muti mute? Turashaka yuko ziriya banki z'abaturage tuzishyirano amafaranga ya garanti. Kwiyemeza ko amenshi azavamo azakora. Ayo mafranga tuyashyiremo Buti ba Burugumestri n'urubyiruko rwanyu muri za gahunda zanyu z'amajyambere mwabonye mukeneye amafranga mujye kuyaka muri Banki z'Abaturage izayabaha kuko tuzaba dutanze garanti. Urumva rero yuko rwa rubyiruko n'ugwo banwe bize muri izo za CERAI abandi bakiga murizo za IGA ko bashobora kubona ukuntu umushinga wagira inyungu bakishyura kuko nabwo tuvuga ngo tubahaye ishimwe. Burugumestri nawe akabafasha ati dore umushinga wanyu. Mugomba gucuruza gutya mukunguka ibingibi. Ayongayo mukayishyura mbese abatekinisiye banyu bakabafasha. Impuguke zanyu ariko nziko za Komini nyinshi nazo zifite impuguke badashabutse, zidafite abakozi ariko njya nibaza niba hari uwababahatiye. Sibyo se Burugumestri ntashobora kubatoranya (recruter) akareba ibyo bisenzegeri byishwe n'inzoga aribyo biba aho ngaho bizerera muri Komini ukumva bimunejeje. Sinzi niba Burugumestri ahagurukiye amajyambere ya Komini ye. Simbizi jyewe nziko hari abo mushobora guha akazi dore hari abantu ubona bashize n'izonga zarabanaze basusumira badashobora no kwandika urupapuro ngo Burugumestri andika amabaruwa ni wowe ubisobanura. Abose bakunariye iki? Burugumestri nawe wishinga abo bantu ntabone ko bimuteye impungenge wowe urabona bariho baradindiza amajyambere ya Komini ninabo bari bakwiye kujya baheraho babakuraho.

.../...

Niba wishimira kujya wikorera akazi wenyine abafasha bawe ari nk'abo kandi witwa ngo barahari aribo bari bakwiye kwirukanka muri iyo mishinga mvuga y'urubyiruko ukumva ntacyo bikubwiye uri Burugumesitiri utagira uburesiponsabure bw'ibintu byawe. Simbizi ariko jye narinzi yu yuko bamwe arimwe mubishyiriraho niba kandi Minisitiri yaraguhaye umuntu, adashobotse atanshobokeye jye namumusubiza. Nahitamo gukora jyenyine ariko ntavuga ngo ndikumwe n'abantu ariko batamfasha sinzi niba ibyongibyo mvuga atari ukuri ariko jye ndabibona.

Ba Milita Burugumesitiri, Milita Konseye sinshaka kugirango nizimbe mu magambo nkaho ndiho ntoza ibintu by'ibitangaza ariko nashatse ko tuganira kugirango dufatanye ibibazo by'urwanda rw'ejo. Burugumesitiri muri disipiline yawe ukavuga uti: mu myaka iri imbere muri Komini yanjye tuzaba dushoboye kubaho byibuze nkuko turiho muri iki gihe.

Muri make rero nkaba mbashimiye ko mwanteze amatwi uko muza kumbwira muti: muri ibingibi ubanza mwibeshya. Muri iyi minsi, muri ibingibi dukwiye gukora gutya. Nababwiye muri make uko dukora iyo politiki yo gucengeza amatwara; iyo politiki yo kubafasha mu mashyirahamwe ariko sinshaka ko dusmuka urwego rwa Komini kuko Komini ariyo shingiro rya byose. Ahubwo nagirango mbabwire ko hari ba encadreur nari nashyize muri superefegitura ko ngiye kubakuraho kuko simbona neza icyo bakora muri urwo rwego. Muri Komini birumvikana, muri Prefegitura birumvikana ndashaka kubakura muri urwo rwego bakajya muri rumwe kugirango rukore kurushaho. Ahongaho tukaziga ibyabo neza kuko ari amarushanwa, ari amanama ni Komini cyangwa ni Perefegitura. Aho rero jyewe nafashe icyemezo. Cyereka mumbwiye muti: ubanza wibeshya nakongera nkabisuzuma ariko jye ndashaka gukuraho ba encadreur ba superefegitura.

Nkaba mbashimiye rero, ahasigaye ijambo ni iryanyu.

Murakoze.